# IMYANZURO Y'INAMA YA IX Y'INTEKO RUSANGE Y'ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA YABAYE KU ITALIKI YA 25 UGUSHYINGO 2007.

None ku italiki ya 25 Ugushyingo 2007, Inteko Rusange y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda yateraniye mu cyumba cy'inama cya la Palisse Club i Nyandungu, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Iyo nama yitabiriwe n'aba bakurikira :

- Abanyamuryango b'Icyubahiro ;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyaruguru;
- Abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi za RALGA ;
- Abanyamuryango ba RALGA ;
- Bamwe mu Baterankunga ;
- Bamwe mu nshuti z'Ishyirahamwe RALGA ;
- Abanyamakuru.

**Ijambo ry'ikaze :**

Ijambo ry'ikaze ryavuzwe na Visi Perezida wa RALGA, washimiye abitabiriye inama bose by'umwihariko ashimira Umushyitsi Mukuru ariwe Honorable MUKAMUGEMA Alphonsine akaba n'umunyamurango w'icyubahiro wa RALGA, wemeye kwifatanya n'abanyamuryango ba RALGA mu gufungura igikorwa cy'inama y'

Inteko Rusange. Yagarutse kandi ku bikorwa by'ingenzi byaranze umwaka urangiye harimo igikorwa cy'inama y'abahuzabikorwa b'imirenge yose y'igihugu yari igamije gutuma ibikorwa by'indashyikirwa bimenywa na bose kandi bigatanga isomo kuri bose.Yagaragaje ko icyo gikorwa cyatumye imyumvire ku kwegereza ubuyobozi n 'ubushobozi itera intambwe ishimishije kuko byagaraye ko umurenge ari urwego rugeza ku baturage ibyiza byinshi nubwo hakiri n'ibibazo. Yifuje ko mu bikorwa biteganywa mu bihe biza hakwitabwa ku kintu cyo guhesha agaciro ibyagezweho n'inzego z'ibanze kugeza ku midugudu hagamijwe gutuma ibikorwa by'indashyikirwa bimenyekana kandi bigasakazwa. Yagaragaje ko abanyamuryango ba RALGA bagomba kwihatira kunononsora gahunda y 'imihigo b aharanira k uba i ndashyikirwa k ugeza k u r wego mpuzamahanga, badasize inyuma gahunda zindi zikiri nshya nk'imihigo ishingiye ku muryango, itorero na gahunda y'imbaturabukungu,bihatira no kuzisobanurira abo bahagarariye. Yakomeje asaba Umushyitsi Mukuru gukomeza gukora ubuvugizi kugirango ibibazo bikirangwa mu mikorere y'inzego z'ibanze bibashe gukemuka. Mu gusoza ijambo rye, yaboneyeho gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kubera umwanya n'inama yatanze mu nama yo kuwa 3/11/2007 ubwo hamurikwaga ibikorwa by'intangarugero by'imirenge.

**Ijambo ryo gufungura inama:**

Inama yafunguwe ku mugaragaro na Honorable Depite MUKAMUGEMA Alphonsine, umunyamuryango w'icyubahiro wa RALGA wari n'umushyitsi mukuru.

Mu ijambo rye, yashimye ishyirahamwe RALGA ryamutumiye ngo akurukirane imirimo y'inteko rusange ya IX no kuyitangiza ku mugaragaro. Yashimye kandi abanyamuryango bayo ku bikorwa bigaraga bagenda bageraho cyane cyane mu gushyira mu bikorwa gahunda zitandukanye zemejwe ku rwego rw'igihugu mu mwaka wa 2007. Yagarutse kandi ku ngingo yo gusaba abanyamuryango ba RALGA gukomeza kubaka « **social trust** » cyangwa se « ikizere » bafata ingamba zihamye zo kuba indashyikirwa no kumenyekanisha ibyiza byagezweho ku rwego rw'ibanze hagamijwe gutuma n'abandi babyigiraho.

**1. Ingingo z'ingenzi zasuzumwe ni izi zikurikira :**

***Ingingo ya 1 :***

❖ Gusuzuma no kwemeza inyandiko zikurikira :

- Inyandikomvugo y'inama yo ku wa 9 Kamena 2007,
- Raporo y'ibyakozwe mu mwaka wa 2007,
- Raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka wa 2007,
- Raporo ya Komite Ngenzuzi ya RALGA
- Gahunda y'ibikorwa bya RALGA mu mwaka wa 2008
- Ingengo y'imari ya RALGA y'umwaka wa 2008

***Ingingo ya 2 :*** Gusuzuma inyandiko igaragaza ibibazo bibangamiye imikorere y'inzego z'ibanze .

***Ingingo ya 3:*** Guhabwa ikiganiro ku bijyanye no kwita ku bana batishoboye

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku yindi, Inteko Rusange ya RALGA yafashe
imyanzuro ikurikira :

1. Inteko Rusange ya RALGA yemeje imyanzuro y'inama y'Inteko Rusange ya RALGA yateranye ku wa 9 Kamena 2007 muri La Palisse Club i Nyandungu imaze kuyikorera ubugororangingo.

2. Inteko Rusange yashimye ibyagezweho n'Ubunyamabanga Bukuru mu gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inteko Rusange yo ku wa 9 Kamena 2007.

3. Inteko Rusange ya RALGA yemeje raporo y'ibyakozwe mu mwaka wa 2007 n'imikoreshereze y'ingengo y'imari imaze kuyikorera ubugororangingo.
4. Inama y'Inteko Rusange yemeje imyanzuro ya Komite Ngenzuzi imaze kuyikorera ubugororangingo,

5. Inama y'Inteko Rusange yemeje gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya RALGA mu mwaka wa 2008 bimaze gukorerwa ubugororangingo,

6. Inteko Rusange yemeje ko abanyamuryango ba RALGA bakwiye kwinjiza umuco wo kubahiriza gahunda n'igihe mu mikorere yabo y'akazi ka buri munsi bityo bigafasha mu kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya za gahunda no kugera ku musaruro mwiza kandi byihuse,

7. Inteko rusange yemeje ko RALGA izajya ifasha abanyamuryango bayo k ubona a makuru a rambuye k u b ijyanye na gahunda za Leta zirimo gahunda ya regional integration, imbaturabukungu(Economic Revolution) na green revolution nabo bakabona kubisobanurira neza abo bahagarariye,

8. Inteko Rusange yemeje ko RALGA yafasha mu kongerera ubumenyi abanyamuryango bayo kuri gahunda y' Imbaturabukungu(Economic revolution), na gahunda ya green revolution kugirango zisobanuke neza bityo ishyirwa mu bikorwa ryazo rigende neza.

9. Inteko Rusange yemeje ko RALGA yajya ishyikiriza amakuru Uturere n'Umujyi wa Kigali ku myanzuro yafashwe nama zitandukanye inzego z'ibanze ziba zahagarariwemo mu gihugu cyangwa hanze hifashishijwe ikoranabuhanga(za forums),

10. Inteko Rusange yemeje ko imyanzuro izava mu nyigo yo kwegurira amasoko abikorera ku giti cyabo bikorwa na RALGA ifatanyije na RIAM mu turere twa Huye na Rwamagana yasakazwa ikagera no kutundi turere,

11. Inteko Rusange yemeje ko abahuje imirimo mu turere bazajya bakorera muri Komisiyo za Nyobozi ya RALGA kugirango b abashe kunononsora neza ingingo n kuru zemejwe n'Inteko Rusange na Nyobozi bya RALGA, kandi zibe n'urubuga rwo gushyira mu bikorwa ibyemezo by'izi nzego,

12. Inteko Rusange yasabye ko mu rwego rwo kwitegura kwinjira neza muri "East African Community" abanyamuryango ba RALGA bagomba gufata g ahunda yo kwihugura m u ndimi zikoreshwa muri ibyo bihugu nk'icyongereza n'igiswayire.

13. Inteko Rusange yasabye abanyamuryango batarishyura imisanzu yabo aribo: **Nyaruguru, Nyabihu, Kayonza, Umujyi wa Kigali, Karongi, Gisagara na Gasabo** ko bakwihutira kubikora mbere yo kujya mu gihe cy'ubukererwe n'ukuvuga

mbere y'itariki ya mbere Mutarama 2008. Ku barengeje igihe cy'ubukererwe nk'Umugi wa Kigali, hemejwe ko itegeko rikurikizwa ku bijyanye n'ibihano nukuvuga kongeraho "pénalités de retard" ya 10% kuri buri mwaka w'ubukererwe.

14. Inteko rusange yasabye inzego z'ubuyobozi z'uturere n'umujyi wa Kigali gushyigikira politiki y'igihugu yo kwita ku bana batishoboye(OVCs) hafatwa ingamba zihamye ku rwego rw'ibanze binyuze mu mihigo zo gushimangira ibikorwa bigamije kubaha amahirwe nkay' abandi bana mu kubonerwa ibyangobwa bakeneye ngo bagire imibereho myiza (ibiribwa, aho kuba, amashuri, ubuvuzi), ab'impfubyi bagashakirwa imiryango ibafasha gukomeza kurerwa neza bityo bazavemo abana babereye igihugu

**15.** Inteko Rusange yemeje ko gahunda ya "**Innovation day**" yatangijwe na RALGA igomba gukomeza ikajya itegurwa buri mwaka ku itariki ya 3 Ugushyingo.

**16.** Inteko Rusange yemeje ko RALGA izakomeza ubuvugizi ku bibazo byagaragajwe.

## GUSHIMIRA

1. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Guverinoma y'u Rwanda n'izindi nzego za Leta, abaterankunga, inshuti n'abanyamuryango ba RALGA kubera inkunga n'ubufatanye bahora bayigaragariza.
2. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi hamwe n'Ubunyamabanga Bukuru bw'Ishyirahamwe ibikorwa by'ingirakamaro bagezeho babagaragarije.
3. Inteko Rusange ya RALGA irashimira abitabiriye iyi nama y'Inteko Rusange cyane cyane mu bitekerezo byubaka byatanze. Umusanzu wa buri wese urakenewe mu guha umuvuduko iterambere mu gihugu cyacu.

Bikorewe i Kigali none ku wa 25 Ugushyingo 2007.